**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA GAHUNGA**

## ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, ukwezi kwa gashantare, umunsi wa cumi nna gatanu;

Twebwe MUZAMUZI Pacifique, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gahunga, dufashijwe na NKUNDIMANA Jean D'Amour, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze rwa Gahunga bwaregeye Urukiko uwitwa **HAKUNDIMANA XXX**, mwene NTEZIYAREMYE Pierre Celestin na MANIRIHO Margalitte, wavutse 01/01/1998, mu Rwannda, Intara y'Amajyarugu, Akarere ka Burera, Umurenge wa Kinyababa, Akagari ka Rutovu, Umudugudu wa Shyaga; Akabariho, akaba arinaho atuye; n'ingaragu.

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa No **RP 00095/2022/TB/GAH**, bukurikiranyeho HAKUNDIMANA XXX icyaha cyo Gukora ibikorwa byerekeranye n'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo (Gufatanwa ibiyobyabwenge bya kanyanga), icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 11 y'Itegeko n° 69/2019 ryo kuwa 08/11/2019 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, mu gace kayo ka mbere.

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko No 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko HAKUNDIMANA XXX kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Gahunga mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa **19/04/2023** saa tatu za mugitondo (09:004) kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutegetse ko ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri *website* y'Urukiko rw'Ikirenga ari www.judiciary.gov.rw.

**ICYEMEZO GIFASHWE MU IBURANISHA MU RUHAME, KU URUKIKO RW'IBANZE RWA GAHUNGA NONE KUWA 15/02/2023.**

| UMUCAMANZA | UMWANDITSI |
|---|---|
| (Sé) | (Sé) |
| MUZAMUZI Pacifique | NKUNDIMANA Jean d'Amour |

Copie certifiée conforme à l'original
Greffier NKUNDIMANA Jean D'Amour
le 16/02/2023